COMMISSION EPISCOPALE JUSTICE ET PAIX RWANDA
BP: 4375 Kigali Avenue de la Paix, KN 4 Av. 36 Tél.: (250) 786166743
deskcontact@cejprwanda.org @Rwandacejp
cejprwanda.org CEJP Rwanda
CEJP Rwanda flickr CEJP Rwanda

**Ubutumwa bwa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro bujyanye no kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'i 1994**

"*Haragasingizwa Imana, Se w'Umwami wacu Yezu Kristu, Umubyeyi w'impuhwe zose kandi utanga ihumure ryuzuye. Ni yo iduhumuriza mu magorwa yacu yose ikaduha natwe guhumuriza abashavuye bose, tubagezaho ihumure twiherewe n'Imana*" (2 Kor 1, 3-4).

Bakristu bavandimwe,

Nimugire ineza n'amahoro bituruka ku Mana Umubyeyi wacu. Imyaka ibaye 32 twibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda, tukazirikana duha icyubahiro abo yahitanye kandi tugakora urugendo rw'isanamitima, isanabuzima no kwiyubaka mu budaheranwa. Abo bavandimwe bacu bishwe bazira uko Imana yabaremye, ni inzirakarengane. Tuzahora tubibuka mu buzima bwacu kuko dusangiye isano ikomeye. Turifuza mbere na mbere kwihanganisha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi tubabwira tuti: *nimukomere, nimuhumure.*

Jenoside yakorewe Abatutsi ni icyasha gikomeye ku nyokomuntu yose no ku muryango nyarwanda by'umwihariko. Twatatiye igihango kiduhuza nk'abanyarwanda, bamwe bijandika mu byaha byo kwica abaturanyi babo n'abavandimwe; abandi basahura ibyabo, bihakana ubuvandimwe dusangiye twese. Birababaje cyane. Ntibizongere ukundi.

Nyamara kandi tuzahora dushima abateye umugongo ubugizi bwa nabi, bagahitamo kunamba ku baturanyi, ku nshuti n'abandi bahigwaga babahungiyeho, ndetse bamwe bakemera guhara ubuzima bwabo. Ubuhamya bwabo buraduhumuriza, bukatubera urugero kandi bukadutera imbaraga. Ni umurage mwiza twese dukwiye kubakiraho, kugira ngo tugire igihugu cy'amahoro mu binyejana byinshi biri imbere.

Bavandimwe, kwibuka amateka yacu ashaririye, ntibifite intego yo guhembera inabi n'inzigo, ahubwo ni inshingano yo gusigasira umurage w'abatabarutse, tugahamya dutyo ko urupfu rudakuraho isano ikomeye dufitanye. Icyemezo cyo gukomeza kwibuka kibungabunga amahoro muri sosiyete iyo bidahariwe abantu bamwe. Kwibuka ni ibya

twese, si iby'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi gusa. Ni inshingano yacu twese nk'Abanyarwanda kuko isano iduhuza nk'abanyarwanda idakwiye kugira igituma yibagirana cyangwa isubira inyuma.

Bakristu bavandimwe, Ivanjili ya Yezu Kristu idusaba kwishimana n'abishimye, tukaririrana n'abarira (Rm 12, 15); kandi urukundo dukesha Yezu Kristu Umwami wacu rudutoza kwanga ikibi tukihambira ku cyiza (Rm 12, 9). Niyo mpamvu duhamagarira umuryango w'abakristu kurangwa n'ibikorwa n'imvugo byuzuye ihumure, rya rindi dukomora kuri Nyagasani Yezu, we uduhumuriza mu ngorane zacu. Iki ni igihe cyo gutuza mu mutima tukazirikana ibibi byabaye bikatubabaza, hanyuma tukiyemeza kurebesha bagenzi bacu indoro y'urukundo rw'Imana ihoraho.

Dufite inshingano yo kwamagana abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyangwa abakirangwa n'ingengabitekerezo yayo. Ibyo byose ntaho byatugeza usibye kudusubiza inyuma no gusenya ibyiza twebwe Abanyarwanda tubumbatiye birimo ubumwe, ubwiyunge, imbabazi n'ubudaheranwa. Nk'abakristu, turi mu ba mbere bahamagarirwa gusigasira izi ndangagaciro. Ikindi dusabwa, ni ukurera abakiri bato, bo bagize amahirwe yo kutamenya amahano ya Jenoside, tukabarera mu muco mwiza wo kubahana, gukundana no kwihambira ku cyiza. Gutoza abato umuco w'amahoro n'ubumuntu bizatuma bakurana umutima mwiza, batishishanya, batarondana; ahubwo bazakure baharanira icyahesha buri wese icyubahiro n'agaciro.

Bakristu bavandimwe, n'ubwo igihugu cyacu kigeze kubaho mu mwijima w'icuraburindi, turishimira intambwe imaze guterwa mu rugendo rwo kwiyubaka, kwiyunga, gusaba no gutanga imbabazi hagamijwe ubudaheranwa no gukira ibikomere. Dukomeze dushyigikirane, dufatane mu nda, dutizanye imbaraga ni bwo tuzakomera. Twirinde amagambo mabi n'ibikorwa bibi bikomeretsa umutima. Tubeho duhumurizanya nk'uko Kristu ubwe aduhumuriza; maze amahoro y'Imana asagambe mu mibereho yacu no mu gihugu cyacu cyose.

Tubaragije Umubyeyi wacu Bikira Mariya, Umwamikazi wa Kibeho.

Kigali, tariki ya 6 Mata 2026

**+ Anaclet MWUMVANEZA**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo akaba na
Perezida wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro
mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

COMMISSION EPISCOPALE
CEJP RWANDA
JUSTICE ET PAIX